# Ifoto y'Igitondo: Batuye ahatabereye

Wednesday 29 February 2012




Hari abaturage bakuwe muri Nyakatsi ntibahabwa ubufasha none ubu batuye ahantu hatabereye. Aha ni mu murenge wa Kigembe mu karere ka gisagara aho imiryango ine iba mu nzi zimeze nk'iyi nyuma yo kuva muri Nyakatsi.

**Photo/Courtesy of Pacifique E. N.**

## Gukenesha abaturage no kubashinyagurira ni yo ntego y'Agatsiko kayobowe na Paul Kagame! Richard Dan Iraguha.

http://www.leprophete.fr




**Dore uko Leta ya Paul Kagame yaciye Nyakatsi !**
**Gukenesha no gushinyagurira abaturage ni yo ntego Nyamukuru y'Agatsiko kari ku butegetsi mu Rwanda!**

*Source: Igitondo.com*

Ibikorwa byo guca nyakatsi birakomeje hirya no hino mu gihugu. Hamwe na hamwe abaturage ubu barahangana n’ibibazo by’amazu bimukiyemo atuzuye neza.

Bamwe mu baturage bo mu midugudu ya Kinani na Bwezamenyo yo mu kagali ka Bunazi umurenge wa Karama mu karere ka Huye bavuga ko amazu bimukiyemo bava muri nyakatsi amwe n’amwe atuzuye ku buryo kuyabamo bigoranye. Ariko, ubuyobozi bw’uyu murenge bwo buvuga ko umuntu wimuwe muri nyakatsi agomba kuba afite aho kuba hadateye ikibazo.

Nk’urugero, Anasitaziya Hagenimana, umukecuru w’imyaka 87 y’amavuko, aba mu nzu ihomesheje ibidasesa igice kimwe (reba ifoto) kubera kubura intege zo kwiyubakira.




**Anasitaziya Hagenimana**

Agira ati : «*Baransenyeye bampa amabati, ndaza nshinga ibi biti, mbituyemo …………..nta rugi ; imbeho ni yose …*»

N'ubwo umuntu atareba mu cyumba araramo kubera ko kizengurutswe n'imisambi, uri hanze we areba mu nzu imbere kimwe n'uri imbere aba areba hanze .Uretse muri uyu mudugudu, iyo ugannye mu mudugudu wa Rwezamenyo bihana imbibi naho uhasanga amazu nk'iyi.

Bamwe mu batuye muri ayo mazu bavuga ko ari ubuyobozi bwabazanye, bazi ko bazabatuza mu nzu ariko ngo basanga batuye hanze.

Umusaza Misago uvuga ko afite imyaka 120 y'amavuko, aba muri kimwe mu byumba aho abana n'umukobwa we, gusa we ngo icyo yasabaga abayobozi ni ukumujyana mu nzu azajya abasha kota.




**Umusaza Misago imbere y'inzu ye**

Ubuyobozi bw'umurenge wa Karama iyo midugudu yombi ibarizwamo buvuga ko ubusanzwe ikibazo cya nyakatsi bari bamaze kukigera kure kuko abari bimuwe bose bari babashije gutuzwa.

Sebarinda Frederic, umunyamabanga nshingwabikorwa w'uyu murenge, avuga ko iki kibazo cyamenyekanye kandi ko kigiye gushakirwa igisubizo bidatinze.

« *Kuba hari umuntu wasanga adafite inzu idahomye, ni uburangare bw'abayobozi bo ku rwego rwo hasi, ariko mu byumweru bibiri turaza kugikurikirana neza, tugera aho mu baturage* ».

Gahunda yo guca nyakatsi yashyizweho na leta y'u Rwanda mu rwego rwo gutuza abaturage ahantu heza hagendanye n'icyerekezo.

Gusa hamwe na hamwe usanga hakiboneka ibibazo bitandukanye birimo kuba bamwe mu bavuye muri nyakatsi batarabonerwa aho gutura.

***Ku bw'igitondo.com,***

***Rihard Dan Iraguha***

# Ruhashya : Abasigajwe inyuma n'amateka bavuye muri nyakatsi baratabaza

Saturday 19 November 2011

**Uretse kuba mu nzu zituzuye, barinubira no kuba hari abakibanena**




**Siteriya Mukangarambe arara ku buriri bugizwe n'ibyatsi, ibitabu by'imyenda n'imisambi bigoye kumenyera amabara (photo/Gilles N)**

Ibikorwa byo kurandura Nyakatsi burundu mu baturage birarimbanyije hamwe na hamwe mu gihugu. Kuri ubu hamwe na hamwe mu gihugu barangije gusenya no kuva mu mazu ya nyakatsi nyamara hari ahakiboneka ibibazo bitandukanye mu baturage bishingiye ku kwimura bamwe mu bari batuye muri nyakatsi kuko usanga hari ababayeho mu buzima budashimishije.

Urugero ni nk'abasigajwe inyuma n'amateka bo mu kagari ka Busheshi mu murenge wa Ruhashya ho mu karere ka huye ubu baba mu mazu adahomye hose ndetse atanakinze.

Ubwo iyi miryango yavanwaga mu mazu ya nyakatsi yimuriwe mu nzu z'amabati zigera kuri eshatu zubatswe hafi y'aho bari batuye ku bufatanye bwa leta, inzego z'ibanze ndetse n'abaturage.

Bamwe mu bimuriwe muri aya mazu usanga bavuga ko bateye intambwe nziza ugereranyije n'amazu babagamo mbere.

Nyamara aba baturage bavuga ko hakiri ibibazo kuko iyo urebye amazu babamo usanga ahomye ibice bimwe na bimwe kandi nta n'imwe ifite urugi.

Ubwo umunyamakuru wa Igitondo.com yageraga aho batuye mu kagari ka Busheshi mu murenge wa Ruhashya yahingukiye ku nzu ya Sebuturumba Narcisse, umusaza w'imyaka 85 y'amavuko.

Uyu mukambwe yarimo acukura igitaka imbere y'umuryango avuga ko ashaka gukata icyondo cyo guhoma inzu ye kuko ngo umuganda wanze gukomeza kumuhomera.

Sebuturumba avuga ko n'ubwo byari byasabwe n'abayobozi b'umurenge abaturage banze kumuhomera kuko ngo iyo baje mu rwego rw'umuganda bahitamo kwiyicarira yanabibabwira bakavuga ngo arabatutse.

Ati : « ndababwira nti 'ese ntimugira amaradiyo ntimwumva uko ahandi umuganda ukorwa, ese ntimwaza ngo muhome n'inkingi imwe'....ngo umva aradututse,ngo syi ntabwo twaje gukoronizwa n'abatwa »

Aba baturage kandi baba mu mazu atagira inzugi n'amadirishya kuko « ubuyobozi bw'umurenge bwababwiye ko buzabaha inzugi n'amadirishya ari uko barangije guhoma ».




**Bakingisha imbabari, ibitenge cyangwa imifuka (photo/Gilles N)**

Sebuturumba avuga ko ubu bafite ikibazo kibakomereye cy'imbeho ndetse n'ibikoko byinjira mu nzu uko bishatse kuko haba imiryango ndetse n'amadirishya byose ari ibirangara.

Amenshi muri aya mazu afungishwa ibitenge cyangwa imbabari ku babashije kuzibona.

Ati :« Iyaba twari dufite akugi imbwa ntizizarinde kuturya; ino hari imbwa zasaze »

Si uyu musaza wenyine wugarijwe n'ikibazo cyo kuba mu nzu idakingwa gusa kuko iyo winjiye no mu zindi baturanye naho usanga ari uko.

Umupfakazi witwa siteriya Mukangarambe avuga ko arara ahanganye n'ibikoko ijoro ryose kuko we ikibazo cy'imbeho ngo yagerageje kukirwanya.

Ubuririri bwe bugizwe ahanini n'ibyatsi, ibitabu by'imyenda n'imisambi bigoye kumenyera amabara bikikijwe n'inzitiramibu bigaragara ko yaba yarahoze ifite ibara ryera kera.





**Uburiri nabwo ntibusobanutse**

Mukangarambe avuga ko iyo nzitiramibu imufitiye akamaro we n'uruhinja rwe kuko imukingira imibu ndetse ikanamugabanyiriza imbeho.

Uyu mugore avuga ko basinzira bitinze kugira ngo babashe kwirinda ibikoko bishobora kubagirira nabi.

Ati : « Turabanza tukarikanura(ijisho) nyuma agatotsi kakwiba ugashiduka bukeye »

Kimwe na Sebuturumba, uyu mugore avuga ko mu gihe umuganda udashobora kubahomera bifuza ko ubuyobozi bwabaha inzugi bakaba bakinze bakajya bihomera buhoro buhoro.

Mukangarambe ati :« Iyaba bari baduhaye inzugi nta kindi ibisimba bikajya bihera inyuma ubundi twakomeza tukajya dukora byashaka bikagera kuri noheri no ku bunane tugihoma ntacyo ariko dukingiye »

**«Gutinda gukemura ikibazo»**

Imiryango yose iba muri aya mazu uko ari atatu usanga imibereho ari imwe muri rusange kuko bose ahanini batunzwe no guca inshuro cyangwa kubumba inkono.

Muri rusange bose bemeza ko baramutse babonye inzugi zo kuba bakinze amazu bimukiyemo ataruzura byababafasha kuko ngo bajya bahoma buhoro buhoro n'ubwo iyo urebye usanga byafata igihe kuko uretse inkuta zikikije inzu, izindi nkuta hafi ya zose usanga zidahomye ku buryo iyo uri ahagenewe uruganiriro bitakubuza kwirebera ibibera mu byumba.





**Ng'aya amazu aba baturage batuyemo ubu**

Ubuyobozi bw'umurenge wa Ruhashya buvuga ko muri rusange kwimura no gutuza abavuye muri nyakatsi biri kugera ku ndunduro.

Bizimana Ruti Emmanuel, umunyamabanga nshingwabikorwa w'uyu murenge, avuga ko n'ubwo hakiri ibibazo bimwe na bimwe bitarakemurwa bamwe mu basigajwe inyuma n'amateka bo muri uyu murenge nabo batabishyiramo imbaraga.

Mu gihe aba baturage bavuga ko umuganda wanga kubafasha kubaka, uyu muyobozi avuga ko hari igihe bituruka kuri bamwe muri bo baba bashoboye kuba bafatanya n'abaturage muri uwo muganda nyamara ngo bagaterera agati mu ryinyo bakabiharira abaje kubaha umuganda bonyine ; bigatuma aba nabo bivumbura.

Bizimana avuga ko kuba ubuyobozi bwarababwiye ko bazabona inzugi barangije guhoma ari uburyo bwo kubashishikariza gushyira ingufu mu kurangiza guhoma amazu bubakiwe.

Uyu muyobozi yongeraho ko ubu inzugi bagenewe ziri gukorwa kandi zitazarenza igihe kingana n'icyumweru zitabonetse ngo bakingirwe. Gusa ngo ababishoboye muri bo ntibakagombye kurindira ko bakorerwa buri kintu cyose.

Bizimana ati : « Harimo abakobwa harimo inkumi harimo abasore harimo abagabo b'ibikwerere ubona ko bafite imbaraga bashobora kuba bafasha abaturage nabashishikariza nabo kwitabira umurimo kuko harimo imbaraga bafite »

Umuyobozi w'akarere ka Huye, Kayiranga Muzuka Eugene, we avuga ko aba baturage batarangaranywe ko ahubwo « haba harabayeho gutinda » gukemura ikibazo cyabo.

Muzuka avuga ariko ko nta kabuza iki kibazo kigiye gukemuka.

**Gilles Ntahobatuye**

http://igitondo.com/spip.php?article2697

# Kuva muri Nyakatsi ugatura mu 'Nzitiramibu'

Friday 13 May 2011

## Ese gusenya Nyakatsi mbere y'uko abazibagamo bubakirwa byari bikwiye?




**Marita Nyiraminani imbere y'inzu-nzitiramibu ye (photo/Jean Pierre)**

Ukoze ubushakashatsi kuri gahunda yo guca nyakatsi mu gihugu n'uburyo yashyizwe mu bikorwa, wabona ibitekerezo n'ibisubizo binyuranye kuri iyi gahunda kubera ko n'abantu waba wabajije baba nabo batandukanye. Imibereho yabo, aho batuye, ibyo babamo, ibyo bakora n'abo babana byose byagira uruhare rugaragara mu mitekerereze n'imisubirize yabo.


Ugiye gukora ubushakashatsi bwawe, ukagenda ubaza uti: "Ese gusenya nyakatsi mbere y'uko abazibagamo bubakirwa byari bikwiye?" wabona ibisubizo bibiri by'ingenzi, OYA na YEGO.

Marita Nyiraminani ni umwe mu basubiza OYA kuri iki kibazo, kuko gusenyerwa nyakatsi byamusize hanze we n'umuryango we.

Uyu muturage utuye mu mudugudu wa Busoro mu murenge wa Gishamvu, akarere ka Huye, atuye mu 'nzu' yubakishije inzitiramibu. Muri iyi nzu ifite nka metero ebyiri n'igice z'uburebure kuri ebyiri z'ubutambike ndetse n'imwe n'igice y'ubuhagarike, Nyiraminani abanamo n'abana barindwi ndetse n'umugabo we.

Iyi nzu –Nyiraminani yita inzitiramibu- ni akaruri gato cyane, gasakaje inzitiramibu icitse ndetse n'uduce twa shitingi 'natwo tuva'. Kwinjira muri iyi 'Nzitiramubu' bisaba kuba guca

bugufi ukunama, ukabona kwinjiramo. (Reba amafoto)




Uyu muryango w’abantu icyenda uba mu Nzu-nzitiramibu




igitondo.com




Muri iyi nzu imbere, niho hakorerwa imirimo yose, irimo no guteka.

Umunyamakuru w'Igitondo.com wasuye uyu muryango avuga ko iyo imvura iguye amazi yinjira mu nzu anyuze mu isakaro (inzitiramibu) akivanga n'ivu riba riri aho batekera ubundi bikarema inzarwe isa nk'umukara. Nyamara ngo ibi ntibibuza uyu muryango ko iyo bwije bigizayo inkono n'amasafuriya bagasasa ibirago muri ya nzarwe ubundi bakaryama.

Imyotsi isohoka muri iyi 'nzu' yahinduye inzitiramubu umukara.

"Mbayeho nabi ku buryo n'undi wese aje akandeba yabona ko mbayeho nabi", niko Nyiraminani asobanura ubuzima bwe.

"Nirirwa nyagirwa, nkarara nyagirwa n'abana banjye".

**'Burende isakajwe inzitiramibu"**

"Tuba mu nzitiramibu nta kindi tubamo. Njyewe nashinze ibiti ngonda nka burende ubundi mbamba ho inzitiramibu ndayikwega ndayishumika. Duseseramo nyine nk'abajya mu mwobo tukiryamira. Aho ni ho mba", ni ko uyu mugore w'imyaka 35 y'amavuko asobanura inzu abamo.

"Iyo imvura iguye iratunyagira, yamara kutunyagira igahita. Twibereyemo gutyo nyine".

Nyiraminani yemeza ko we n'umugabo we nta bushobozi bafite bwo kwiyubakira inzu kuko ngo n'ubusanzwe barya ari uko bagiye guca inshuro.

"Ni ukuri ndya ari uko mvuye guca inshuro, hakaba n'ubwo tuburarara burundu. Nta kigenda, n'abana banjye hariho igihe basasa bakaryama [batariye]. Umugabo wanjye ni umukene nanjye ndi umukene; usibye kwihagararaho tukumva y'uko twakwihagararaho umuntu ntajye agenda ameze nabi mu nzira ngo umuntu wese amubone uko ari n'uko ameze naho ubundi nta bushobozi bwo kubaka dufite", niko uyu mubyeyi abivuga atanga umugabo ku baturanyi be.

"Usibye guhagarara mukabona meze gutya naho ubundi umuntu aba agenda yarashize".

Nyiraminani avuga ko Leta iramutse imufashishije amabati yareba uko abigenza we n'umugabo we bagashaka uko babona inzu. Uyu mugore yemeza ko bahawe isakaro we n'umugabo we bashobora gufatanya bakabumba amatafari cyangwa bitashoboka kubera imvura bagashinga ibiti bike bakaba babisakaye akaba ari byo babamo aho gukomeza gutura mu 'nzitiramibu iva kandi irangaye'.

**"Ibishorobwa muri Nyakatsi"**

Leta y'u Rwanda ivuga ko gahunda yo guca nyakatsi igamije gufasha buri munyarwanda kubona aho aba habereye kandi hafite isuku.

Iyi gahunda yatangijwe mu mwaka washize wa 2010 ariko yashyizwemo imbaraga nyinshi mu ntangiriro z'umwaka wa 2011. Ministeri y'ubutegetsi bw'igihugu n'imibereho myiza y'abaturage ivuga ko bitarenze ukwezi kwa gatanu nta nzu n'imwe ya Nyakatsi izaba ikiri mu Rwanda.

Mu gushyira mu bikorwa iyi politiki yo guca nyakatsi, izi nzu zagiye zisenywa abazibagamo bakaba bashatse aho bacumbika.

Leta ivuga ko abagaragaye ko ari abakene kandi ko badashobora kwibonera inzu bafashijwe kubona aho baba bubakirwa ndetse bakanahabwa isakaro. Bene aba kandi banahabwaga umuganda n'abaturage bakabafasha kuzamura inzu.

Nyamara hari abandi bo batabonye ubufasha na buto, aba bakaba ari bo bakomeje kuvuga ko babayeho nabi.

Leonard Kubwimana, umuturage wo mu mudugudu wa Mirambi, umurenge wa Gishamvu, avuga ko kuva yasenyerwa Nyakatsi ye ngo yakomeje kuyibamo idasakaye kuko ngo nta handi yari kwerekeza.

Kubwimana avuga ko inzu abamo ari iya mazamwe, isakambuye kuko ibyatsi byari biyisakaye byavuyeho. Uyu mugabo ufite umugore n'abana batatu yemeza ko atanashyizwe ku rutonde rw'abagomba guhabwa isakaro.

"Nta kundi byagenda, ntacyo dushobora gukora. Batubujije gushyira ho ibyatsi nanjye nta kindi nakora. Sinshobora no kwibonera amabati cyangwa amategura".

Gusa, hari abaturage bo muri uyu murenge bavuga ko bagerageza gufatanya na bagenzi babo bahoze muri nyakatsi. Aba baturage bemeza ko buri cyumweru hakorwa umuganda wo kubakira abavuye muri Nyakatsi.

"Twabanje kubumba [amatafari], imvura irayica. Nyuma y'aho [abari bakuwe muri nyakatsi] barebye uko babona ibiti bikaba ari byo bishingwa noneho [abayobozi nabo] bakabaha amabati. Ubu nko mu mudugudu wacu tumaze kuzamura inzu imwe", ni ko Jean Bosco Nzirabitinyi wo mu mudugudu wa Busoro abivuga.

"Nta muntu utinya cyangwa wanga kwitabira ibikorwa nk'ibi".

Abaturage batuye mu mudugudu wa Busoro bavuga ko babashije kuzamura inzu y'umuntu umwe kuko 'ari we watoranyijwe nk'utifashije".

Abubakiwe bagahabwa inzu bo bavuga ko byabashimishije cyane ndetse bakemeza ko ari intambwe ikomeye mu mibereho yabo.

Marita Ntakirutimana wo mu Kagari ka Gishamvu, umudugudu wa Nyumba ni umwe mu bubakiwe nyuma y'aho nyakatsi babagamo isenyewe.

Uyu mugore avuga ko ubu abayeho neza kuko atakinyagirwa nk'uko byari bimeze akiri muri nyakatsi. Hejuru y'ibi, ngo nta n'ubwo akimanukirwaho n'ibishorobwa n'utundi dukoko dukunda kuba mu byatsi iyo bimaze igihe bisakaye inzu.

"Ceceka sinzi uko nabivuga. Ubwo uzi kumanukirwaho n'ibishorobwa! [ikindi], imitonyi yonyine imanuka mu byatsi [bisakaye nyakatsi] yaguhuhura. Ubu meze neza rwose sinkinyagirwa, mbese ndatekanye".

**"Abayobozi bagire urukundo rw'abaturage"**

Mu kubakira bamwe mu bari basanzwe muri nyakatsi, inzego z'ibanze zagiye zitoranya abakene kurusha abandi ari nabo bahawe isakaro. Abagaragaraga ko 'bifashije' cyangwa 'bafite intege' ntibashyirwaga kuri uru rutonde, ahubwo basabwaga kwishakira aho batura.

Gusa benshi mu batarubakiwe kandi barabaga muri nyakatsi bemeza ko nabo nta bushobozi bwo kwiyubakira bafite.

Aba ni nabo usanga bagondagonda 'utururi' cyangwa 'burende' bakadusakaza uducagagure tw'amashitingi cyangwa inzitiramibu akaba ari ho baba.

Hari n'abakomeza kuba mu matongo yabo, bameze nk'abatuye mu gasozi kuko baba batuye mu 'bihangari' bidasakaye.

Umunyamakuru w'Igitondo.com wakurikiranye iyi nkuru avuga ko aba bose banyagirwa kandi ubuzima bwabo bukaba bushobora guhungabana.

Ubwo twakoraga iyi nkuru, ntitwabashije kubona abayobozi bo mu murenge wa Gishamvu. Kugeza n'ubu turacyagerageza kuvugana nabo.

Ariko, Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu , James Musoni, asanga ari ngombwa ko abayobozi bamenya abo bayoboye kandi bakita ku bibazo bafite.

Minisitiri Musoni yemeza ko ari ngombwa ko igihe umuturage abaye mu buzima bubi, ubuyobozi bugira icyo bukora mu kubumukuramo.

Ubwo yari yasuye iyi ntara tariki ya 29 Mata uyu mwaka, Ministiri Musoni yabwiye Radiyo RC Huye ikorera mu karere ka Huye ko asanga abayobozi bakwiye kureba ibibazo by'abaturage bayobora kandi bagakora ibishoboka byose bigakemuka.

Ati: "Abayobozi nibagire urukundo rw'abaturage".

**Jean Pierre Bucyensenge**